**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO**

**<u>SENA</u>**

# IJAMBO RYO GUTANGIZA INAMA Y'IHURIRO RYA 9 RYA UNITY CLUB INTWARARUMURI

**KIGALI CONVENTION CENTRE**

**MAKUZA BERNARD**

**PEREZIDA WA SENA**

**03 UGUSHYINGO 2016**

**© Kigali**

**Nyakubahwa First Lady, mukaba n'Umuyobozi Mukuru wa Unity Club Intwararumuri,**

**Ba Nyakubahwa, Bayobozi bo mu nzego Nkuru z'Igihugu cyacu;**

**Bavandimwe, Banyamuryango ba Unity Club INTWARARUMURI;**

Mbanje kubaramutsa, mbifuriza amahoro n'umunsi mwiza.

**1.** Nk'umwe mu banyamuryango mugenzi wanyu, ntewe ishema n'ibyishimo, kubera icyizere nagiriwe n'Ubuyobozi bwa Unity Club, kugira ngo ngeze kuri iri huriro rya 9 ry'Umuryango wacu, ijambo ryo gutangiza iyi nama.

**Nyakubahwa First Lady, mukaba n'Umuyobozi Mukuru wa Unity Club,**

**Bavandimwe NTWARARUMURI mwese,**

**2.** Ihuriro rya 9 rya Unity Club Intwararumuri rizamara iminsi ibiri (2), duhereye uyu munsi, rifite umwihariko kuko rihuriranye n'isabukuru y'imyaka 20 Unity Club imaze ishinzwe. Iri huriro rikaba rifite insanganyamatsiko igira iti: "**IMYAKA 20! – UBUNYARWANDA, IKIREZI TWEGAMIYE**".

**3.** Iyi nama ni umwanya wo gusubiza amaso inyuma, kugira ngo dufate ingamba zo gukomeza intambwe ijya imbere, twubakira ku byo Abanyarwanda twiyemeje, nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi muri 1994. Ibyo tumaze kugeraho, tugomba kubivanamo amasomo, akatubera umuti w'imbogamizi twaba tugihura nazo.

**4.** Nk'Abagize **Unity Club Intwararumuri**, twihereyeho twebwe ubwacu, ni ngombwa gusuzuma intambwe tugenda dutera dufatanyije, mu rugendo rwo gusigasira UBUMWE, no KURINDA IGIHANGO cy'UBUNYARWANDA, kandi duharanira kuba INTANGARUGERO n'UMUSEMBURO w'UBUMWE ku Banyarwanda batureberaho, kugira ngo bo ubwabo, natwe, dufatanyije, dukomeze dushimangire icyerekezo cy'Igihugu, tukigire icyacu twese hamwe, nta GUSUUBIRA, GUSOBANYA, cyangwa GUSIGARA.

**5.** Ahubwo tugendere hamwe. N'ubwo bwose tuzi ko hari abagomba kujya ku RUHEMBE cyangwa ku MUKONDO, ari nabyo byavuyemo ko twitwa INTWARARUMURI, twiha inshingano ikomeye twiyemeje, ko tugira icyo tugemura mu Banyarwanda kibubaka, kibateza imbere, dushyize hamwe.

6. Twebwe cyangwa abo twashakanye, twagize amahirwe muri miliyoni z'Abanyarwanda, duhabwa icyizere cyo kuba muri Guverinoma. Kuba rero muri Guverinoma, uretse ibyo buri wese yihatira gukora no kugeza ku Banyarwanda, ubwa byo ni "**experience**" idasanzwe.

7. Ubunararibonye n'inyigisho twigiramo, nabigereranya, cyangwa ahubwo binarenze n'impamyabumenyi ya PhD ziva muri za Kaminuza. Mu by'ukuri, uwabaye muri Guverinoma, agakoresha ayo mahirwe neza, **arahinduka rwose, ku buryo budasanzwe, kandi bwiza. Ndetse bikamubera n'impamba n'isoko idakama, mu nshingano zindi yahabwa cyangwa yakwigenera, ndetse no mu buzima busanzwe.**

8. **Twabaye muri Guverinoma mu bihe bitandukanye, kandi buri gihe cyose cyagize umwihariko, na n'ubu. Icyiza kandi gikwiye gutera ishema buri wese, nuko ibyo bihe byose byagiye bisimburana, kandi byunguranirana, kugeza kuri uyu munsi dufite Igihugu cyiza, cyavuye mu manga, kikaba kigeze heza cyane, ndetse bizakomeza. Kandi ibyiza birenze biri imbere.**
9. **Umusanzu wa buri wese n'uruhare yagize, ndetse akinafite, ni nacyo Unity Club itwibutsa, kandi ishingiyeho.**

**10.** Ku bw'ibyo rero, ni n'andi mahirwe akomeye duhabwa no kuba muri Unity Club, **ikadushyira hamwe, abari muri Guverinoma n'abatakirimo**, kugira ngo dukomeze gukoresha ubumenyi twungutse, mu murongo w'indahiro twakoze igira iti: **"Ndahiriye u Rwanda ku mugaragaro, ko nzaharanira ubumwe bw'Abanyarwanda, n'ibyagirira Abanyarwanda bose akamaro"**. [**Erega buriya, uba ugize IGIHANGO n'Abanyarwanda**]. Iyi ndahiro irakomeye, kuyitatira ni uguhemuka.

**11. IYI NDAHIRO NTABWO IRANGIRANA NO KUBA MURI GUVERINOMA, kuko nyine ari IGIHANGO. Niyo mpamvu Unity Club Intwararumuri, ari amaboko akomeye ku Gihugu cyacu.**

**12.** Turashima by'umwihariko ko inama yateguwe ku buryo burashe ku NTEGO ya **Unity Club.** Ibiganiro biratangizwa n'Ubushakashatsi ku Isuzumabikorwa bya UNITY CLUB, nyuma twungurane ibitekerezo mu matsinda, ku **ingamba zo kubaka ubushobozi bwa Unity Club, kunoza Ndi Umunyarwanda, n'inshingano z'Abarinzi b'Igihango**.

**13.** Iki ni igitekerezo cyiza dushimira Ubuyobozi bwacu. Mu by'ukuri si ukuvuga ko tutiyizi, ariko kugeraho ugahagarara ukisuzuma, ugahamagara undi muntu, cyane cyane ubifitiye ubushobozi ***(capacity*****)**, uti NDEBERA UKO MPAGAZE, uretse ko ari imigirire myiza n'umuco mwiza mu miyoborere iboneye, ni n'UBUTWARI, kuko hari ushobora kubitinya [ati reka da]!

**14.** Gahunda y'inama ikaba igaragaza umurongo wo Kwizihiza imyaka 20, nk'umwanya w'ingenzi wo **kuzana aho biri ngombwa impinduka, cyangwa kongera imbaraga aho bikenewe, mu mibanire, imikorere n'imikoranire by'abagize Unity Club**.

**15.** Isuzumabikorwa n'ingamba zo kunoza gahunda z'UBUMWE n'IGIHANGO by'Abanyarwanda, turabikora tuzirikana abo turibo. Turabikora TWISHYIRA UBWACU, imbere y'icyerekezo n'amahame Abanyarwanda twiyemeje kugenderaho.

**16.** Turazirikana ko nk'Abayobozi, natwe mbere na mbere turi Abanyarwanda. Amateka y'u Rwanda, natwe dufite uburyo yatugezeho, icyiciro cyose twaba duherereyemo. Ni ibintu tutakwirengagiza.

**17.** **Unity Club** yashyizweho kugira ngo idushyire hamwe, muri ayo mateka ya buri wese ku giti cye, kugira ngo iduhuze nta rwikekwe, tubone umwanya wo kuganira twigarukaho, twiyoroheje, tureba ibikomere amateka yadusigiye, tugamije kuba intangarugero, ngo biduhe n'imbaraga zo kuyobora neza Abanyarwanda, mu Gihugu cyubakiye ku Bumwe n'Ubwisanzure bwa buri wese, ntawe uhejwe.

**18.** Niyo mpamvu, **UBUSABANE bw'Abayobozi b'u Rwanda muri Unity Club**, abari muri Guverinoma n'abayihozemo, hamwe n'abo bashakanye, nibwo nkingi yo kuba urwo RUMURI rw'UBUMWE bw'Abanyarwanda, **kuko NTAWATANGA ICYO ADAFITE, kandi ISUKU IGIRA ISOKO.**

**19.** UBUMWE bwacu muri UNITY CLUB bufite IMPAMVU. Hari isano ikomeye y'ababanye muri Guverinoma. Hari byinshi dusangiye, harimo icyizere twagiriwe, inshingano zikomeye zo kuyobora, n'umusanzu twatanze kandi tugitanga, dufatanyije, duhangana n'ingaruka z'amacakubiri n'ubuyobozi bubi, ari nabyo byagejeje u Rwanda kuri Jenoside yakorewe Abatutsi muri 1994.

**20.** Iyo ntego ya UNITY CLUB yo Guharanira UBUMWE, gushyira hamwe twibona nk'Abanyarwanda, yahujwe kandi n'ubuzima bwo kuba **mutima w'urugo, ubwo abagore b'abari bagize Guverinoma** n'Abaminisitiri b'Abagore biyemezaga kuba ba MUTIMA w'UBUMWE bashinga UNITY CLUB ishyize imbere UBUMWE. Kuko mu by'ukuri, wabishaka utabishaka, kuba muri UNITY CLUB kw'abashakanye n'abari muri Guverinoma, nta kuntu bitagira ingaruka nziza, kuko no mu buzima n'imibanire bisanzwe, ni ABAJYANAMA bakomeye.

**21.** Kandi ni mu gihe, kuko tuzirikanye uruhare Abanyarwandakazi bagize nyuma ya 1994, kandi na n'ubu bigikomeza, bitandukanye n'uko byari bimeze mbere. Nta kuntu tutashima Nyakubahwa Perezida wa Repubulika wabibonye kare agatanga umurongo usubiza

AGACIRO umugore, bimwinjiza mu Iterambere rye, ubu tukaba turi ku rwego rw'Indashyikirwa.

**22.** Nyuma y'imyaka 20 ya Unity Club, ni ngombwa ko hagira ibyo tuzirikana by'ingenzi, kuko hari benshi batumva UBUHANGA, UBUSHISHOZI n'UBWITANGE budasanzwe byasabye, kandi tumukesha, ngo Abanyarwanda tube tubanye ku rwego turiho! Hari n'abumva amateka yacu nk'umugani, bakumva ko u Rwanda babona uyu munsi, bidashoboka ko ari rwo bumva cyangwa babonye rwo muri 1994.

**Banyamuryango, Ntwararumuri,**

**23.** **Mu by'ukuri, ikibazo cy'UBUMWE ni icya kera.** Nyuma yo kwica no guheza mu buhunzi bamwe mu Banyarwanda kuva muri za 1960; Nyuma yo kubwirwa ko u Rwanda ari "**IKIRAHURE CYUZUYE**", **nyamara kandi ahari UBUMWE nta kidashoboka/ahatari UMWAGA uruhu rw'urukwavu rwisasira babiri/batanu**]; Nyuma y'ibyo bihe bibi byo guheza, byabaye ngombwa ko hatangizwa Urugamba rwo kubohora U Rwanda, Urugamba rwashyize imbere UBUNYARWANDA no GUHUZA ABANYARWANDA BOSE, u Rwanda rukaba Igihugu buri wese afitemo uburenganzira, umudendezo n'uruhare ku byiza byarwo.

**24.** Aha nagira ngo nibutse ko haje kubaho imishyikirano, ivamo Amasezerano y'Amahoro y'Arusha, **yanateganyaga Komisiyo y'Ubumwe n'Ubwiyunge,** bigaragara y'uko ikibazo cy'UBUMWE kitavutse nyuma ya Jenoside, ahubwo yarabushegeshe, ariko ubundi cyari gisanzwe kiriho.

**25.** N'ikimenyimenyi, aho kubahiriza ayo masezerano, Ubuyobozi bwariho bw'ivangura, bwahisemo gukomeza umugambi wo kurimbura igice kimwe cy'Abanyarwanda, nk'uko byari byagenywe ko ari IMPERUKA y'Abatutsi.

**26.** **Nyuma y'ibyo, itandukaniro n'Ubudasa** bya FPR-Inkotanyi, ari nabyo bigejeje u Rwanda heza, byatunguye benshi. Ingabo zari iza FPR-Inkotanyi zarwanye Urugamba rwo Guhagarika Jenoside, zinarokora aho byashobotse hose abahwigwaga, ndetse zinakira abatarahigwaga, ntizatatira umurongo wo GUHUZA ABANYARWANDA, nta kurobanura.

**27.** Mu by'ukuri, nyuma yo guhagarika Jenoside muri 1994, ku rwego rwa politike byose byarashobokaga. Ariko FPR-Inkotanyi, ifatanyije n'indi Mitwe ya Politike, n'ibindi byiciro bitandukanye

by'Abanyarwanda, bashyizeho Leta y'Ubumwe, kandi biyemeza gukomeza kubahiriza ibyari bikubiye mu Masezerano y'Amahoro y'Arusha, aho byari bigishoboka.

**Nyakubahwa First Lady, mukaba n'Umuyobozi Mukuru wa Unity Club,**

**Banyamuryango ba UNITY CLUB,**

**28.** Kimwe n'abandi batari bake, ku giti cyanjye iyo nsubije amaso inyuma, nkareba igihe ("**contexte**") cyo gushyiraho Guverinoma y'Ubumwe muri 1994, nsanga ari ibintu bitangaje.

**29.** Navuga nk'ibintu bitatu (3), tuzi twese bidasanzwe FPR-Inkotanyi yakoze, ibintu yewe utazasanga ku bandi batsinze urugamba cyangwa intambara, hirya no hino ku Isi, mu gihe mu Rwanda ho hari hamaze no gukorwa Jenoside:

**1)** Nyuma yo gutsinda Urugamba, byari kumvikana rwose iyo FPR-Inkotanyi ifata byose, nibura mu gihe cy'inzibacyuho da, nk'uko tubibona ahandi. Siko byagenze, ubutegetsi bwarasaranganyijwe, nyuma bijya no mu Itegeko Nshinga, birubahirizwa;

**2)** Nk'uko tubibona ahandi, Umuyobozi w'urugamba/Umugaba w'Ingabo zitsinze niwe uba Umukuru w'Igihugu, agashyiraho

ubutegetsi akenshi bwa Gisirikare, ibindi bikazaba biza. Hano siko byagenze. Ndetse n'igihe n'uburyo byo gusohoka mu nzibacyuho, byaganiriweho. Ibiganiro byo mu Rugwiro ntabwo byihereranywe, byarasangiwe.

**3)** Jyewe ntahandi ndabona Ingabo zitsinda urugamba ku buryo budasubirwaho, zigahamagara ingabo zatsinzwe, bakavanga, bagakora Igisirikare kimwe. Ubu dufite RDF.

**30.** Ingero ni nyinshi zigaragaza UBUDASA n'UBUSHAKE bwo Guhuza Abanyarwanda. Umwanzuro bimpa, ni uko bigaragaza uburyo FPR-Inkotanyi yemerega nta buriganya ibikubiye mu Masezerano ya Arusha, nk'inzira yo kubaka UBUMWE bw'Abanyarwanda, kandi niyo yamye ariyo ntego yayo.

**Nyakubahwa First Lady, mukaba n'Umuyobozi Mukuru wa Unity Club,**

**Banyamuryango ba UNITY CLUB,**

**31.** Imyaka 22 irashize Abanyarwanda duhanganye n'ingaruka za Jenoside, Leta ikaba yarashyize Abanyarwanda hamwe [bifite aho

byavuye], bahuza imbaraga, twiyubakira Igihugu cyiyubaha, cyubashywe kandi gitera imbere.

**32.** Imbaraga z'ibyo tumaze kugeraho muri iyo myaka 22, **zishingiye ku BUMWE**, n'UBUYOBOZI bwiza bufite icyerekezo gishyize imbere ko u Rwanda ari urw'Abanyarwanda bose, bitandukanye n'ibyahozeho.

**33.** Unity Club nayo, mu myaka 20 ishize, iri muri uwo murongo, maze, yabaye urubuga rwo gutanga amahirwe yo kwibaza no gutekereza, ku mpamvu y'amacakubiri n'ivangura, dusubiza agaciro UBUNYARWANDA gusumba byose, twubaka UBUMWE, tugatanga umusanzu wacu dufatanyije, hamwe n'izindi nzego z'Igihugu, ndetse n'Abanyarwanda aho bari hose. Tukaba INTWARARUMURI koko muri bo.

**34.** Mu gutekereza ku ngamba zo KUBAKA UBUMWE bw'Abanyarwanda, munyemerere nibutse impanuro ya Nyakubahwa Perezida wa Repubulika muri 2004, ubwo yagira ati:

“**UBUYOBOZI, INGENGABITEKEREZO Y’UBWO BUYOBOZI, n’AMATEGEKO AGENGA ABANTU MU MIBEREHO YABO, nibyo bya ngombwa byatuma gukemura ikibazo cy’ubumwe n’ubwiyunge bigerwaho**″.

**[Ubwo buyobozi tuburimo, umusanzu wacu nka UNITY CLUB birasaba rero ko bijyana n’ibikorwa, kandi birahari, uyu ni umwanya wo kurebera hamwe uko byanozwa kurusha. Turaza kubigarukaho, tureba uko byatera imbere, twese tubigizemo uruhare].**

**35.** Unity Club ikomeze rero itubere urubuga rwacu nk’Abayobozi, twumve ko tugomba gufata iya mbere, dutange **UBUHAMYA ku bandi banyarwanda, ko UBUMWE ari inkingi ikomeye tuvanamo imbaraga** zo kurinda abana b’u Rwanda icyagarura amacakubiri n’ubuhemu, kandi ko, Intambwe tumaze gutera tuyikesha gufatanya nk’Abanyarwanda, tukibona nk’Abanyarwanda.

**36.** Dukomeze tube Abahamya ko UBUMWE n’UBWIYUNGE bisaba ibiganiro bishyira imbere UKURI, Gusasa INZOBE, guca bugufi, ko **GUSABA IMBAZI** atari UBUGWARI, ahubwo ari UBUTWARI, ndetse no gutanga imbabazi ari umuco tumaze kwiyubakamo. Ibi

byose Unity Club ikabikora abagore bari kumwe n’abagabo babo, kugira ngo basangire ‘*commitment*’/KWIYEMEZA mu gusigasira UBUNYARWANDA n’UBUMWE, tureba kure h’u Rwanda.

**Nyakubahwa First Lady mukaba n’Umuyobozi Mukuru wa Unity Club,**

Nongeye kubashimira uyu mwanya mwampaye.

**Banyamuryango ba Unity Club INTWARARUMURI;**

**37.** Nsoje mbifuriza ibiganiro byiza, ntashidikanya ko biduha n’izindi mbaraga, dukomeza kurangwa n’UBUFATANYE, duharanira kuba inganzo y’UBUHAMYA bw’UBUMWE.

**38. Mu izina ry’Umuyobozi Mukuru wa Unity Club Intwararumuri, nkaba nejejwe no gutangiza ku mugaragaro iyi nama y’Ihuriro rya 9** rya Unity Club INTWARARUMURI.

Murakoze, mugire amahoro.